# 11: Ku musarab' Umukiza wanjye

1.

Ku musarab' Umukiza wanjye, Ni ho yanyitangiriye kera. Amaraso ye yaramviriye, Kugira ngo mb' ubohowe na yo.

Ref:

i Gologota, i Gologota, Yesu ni ho yababarijwe. Gologota, i Gologota, Ni ho naherew'amahoro.

2.

Mugihe Yesu yadupfiraga, Aremerewe n'ibyaha byacu. Haba yeh' umushits' icyo gihe. Habayeho n'ubwirakabiri.

3.

Na rwa rusika rwasadutsemo, Ijambo rye riragaragara. Noneho mbony' inzira y'ijuru; N'ukwezwa n'amaraso ya Yesu.

4.

Yesu, ntangajwe n'urwo rukundo, Rwatumy' utang' ubugingo bwawe. Warabahaye kubera jyewe, Umubabaro w'umusaraba.

Visit us at indirimbo.com